RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD
RSSB
Our Health
Our Future

ITANGAZO

Mu rwego rwo kunoza serivisi zihabwa abanyamuryango ba Mituweli, Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) bwashyizeho uburyo bushya bwo kwakira umusanzu wa Mituweli hakoreshejwe ikoranabuhanga ndetse no guhabwa ibikorwa by'ubuvuzi ku banyamuryango ba Mituweli bafite nibura imyaka 16 hifashishijwe ***Indangamuntu*** cyangwa ***icyangombwa gisimbura indangamuntu*** ku bazitaye;

Hashingiwe ku myanzuro y'inama yateranye ku wa 27 Werurwe 2018 hakoreshejwe uburyo bwa " Video Conference", igahuza Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'izindi nzego zifite aho zihurira n'Ubwisungane mu kwivuza;

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) buramenyesha abanyamuryango ba Mituweli n'abanyarwanda bose muri rusange ibi bikurikira:

1. Umunyamuryango wa Mituweli wese utarageza igihe cyo gufata Indangamuntu akaba atarahabwa ikarita ya Mituweli cyangwa se yarataye iyo yahawe, **azajya ahabwa indi karita agaragaje icyemezo kiriho ifoto ye gitangwa n'Akagari atuyemo**;

2. Umuryango wamaze kwishyura umusanzu wose wa Mituweli nyuma hakagira undi muntu mushya wunguka, **nyuma yo kumwongeresha mu makuru y'ubudehe, uyu muryango urasabwa kubanza kugana agashami ka Mituweli kawegereye** kugirango uyu wongewemo yongerwe mu bagomba kwishyurirwa Mituweli.

Icyitonderwa: Guhabwa ibikorwa by'ubuvuzi **ntabwo** bisaba kwitwaza indangamuntu y'umukuru w'urugo, ahubwo bisaba gusa kwitwaza (kumenya) **numero yayo** ubundi uwivuza akanerekana indangamuntu ye cyangwa ikarita ya Mituweli.

Bikorewe I Kigali, kuwa 29 AVR 2019

Dr. HAKIBA Solange
Umuyobozi Mukuru wungirije Ushinzwe ibigenerwa Abishingizi

IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA-RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD